REPUBULIKA Y'U RWANDA

Kigali, 08/03/2020

MINISITERI Y'UBUZIMA
P.O. BOX 84 KIGALI
www.moh.gov.rw

Amabwiriza ajyanye no gupima Koronavirusi ku binjira mu Rwanda baciye ku mipaka no ku kibuga cy'indege

Dushingiye ku mabwiriza y'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku buzima OMS ryemeza ko Indwara ya Koronavirusi ari icyorezo cyugarije isi; Minisiteri y'Ubuzima mu Rwanda irasaba abaturarwanda n'abarugenderera gukaza ingamba zo kwirinda icyo cyorezo:

1. Abinjira mu Rwanda bose, aho binjiriye hose bagomba gupimwa n'abakozi babugenewe;

2. Umuntu wese uturutse mu gihugu cyamaze kugaragaramo abanduye Koronavirusi kandi akaba agaragaza kimwe mu bimenyetso byayo; azafatwa nk'ukekwaho iyo ndwara, asuzumwe, ashyirwe mu kato ahabugenewe kugira ngo bakomeze kumukorera ibindi bizamini;

3. Uzapimwa bikagaragara ko yanduye, azoherezwa mu kigo cyagenewe kuvurirwamo indwara ya Koronavirusi;

4. Uwaketsweho indwara ya Koronavirusi ariko nyuma yo gupimwa bikagaragara ko atayanduye asabwa kwishyira mu muhezo mu muryango we cyangwa aho atuye, hagafatwa umwirondoro we kandi agakomeza gukurikiranwa n'inzobere za Minisiteri y'Ubuzima n'Ikigo cy'igihugu gishinzwe Ubuzima (RBC) mu gihe cy'Iminsi 14;

5. Abafite ibimenyetso bya Koronavirusi basabwa kwambara agapfukamunwa igihe cyose kandi bakishyira mu muhezo mu miryango yabo cyangwa aho batuye; bakanihutira guhamagara umurongo utishyurwa 114 kugira ngo bahabwe ubufasha bwihuse bataranduza abandi;

6. Umuntu wese ukomotse mu gihugu cyagaragayemo Koronavirus kandi akaba atagaragaza ibimenyetso byayo afatwa nkushobora kuyirwara, Bityo akaba agomba kwandikwa mu gitabo no muri mudasobwa agakomeza gukurikiranwa mu gihe cy'iminsi 14 uhereye igihe yaviriye muri icyo gihugu;

Nubwo atari ihame ko umuntu ukomotse mu gihugu cyagaragayemo Koronavirus kandi akaba atagaragaza ibimenyetso byayo ashyirwa mu kato; agomba gukomeza ingamba zo kwirinda kandi akihutira gutanga amakuru y'ubuzima bwe ku ivuriro rimwegereye aramutse agaragaje kimwe mu bimenyetso mu gihe cy'iminsi 14 uhereye umunsi yaviriyeho muri icyo gihugu.

Aya mabwiriza aratangira gushyirwa mu bikorwa n'abakozi bose ba Minisiteri y'Ubuzima hirya no hino ku mipaka no ku bibuga by'indege aho bapimira abinjira mu Rwanda guhera umunsi ashyiriweho umukono.

Dr. NGAMIJE M. Daniel
Minisitiri w'Ubuzima

MINISTERE DE LA SANTE
REPUBLIKA Y'URWANDA